



Umushinga ugamije kubakira abaturage ubudahangarwa ku mihindagurikire y'ikirere mu Ntara y' i Burasirazuba- TREPA




Igihe uyu mushinga uzamara: Imyaka itandatu
Ingano y'amafaranga y'uyu mushinga: \$33.8 million
Umuterankunga: Green Climate Fund (GCF)
Ikigo gifite inshingano zo kureberera uyu mushinga: International Union for Conservation of Nature- IUCN
Abafatanyabikorwa: Rwanda Forestry Authority (RFA), Enabel, CIFOR- ICRAF, Cordaid, na World Vision.
Uturere uyu mushinga uzakoreramo: Gatsibo, Nyagatare, Bugesera, Ngoma, Kirehe, Kayonza, na Rwamagana.

Intara y' i Burasirazuba izwiho cyane kugira ubutaka bwinshi kandi bwera, ibi bituma ifatwa nk'ikigega cy'igihugu mu guhaza abanyarwanda. Nyamara ibiza byiganjemo kumagana k' ubutaka, imihindagurukire y'ibihe, kugabanuka ku imvura, cyangwa kwiyongera bikabije kwayo, gucika vuba bitunguranye, biri mu biteza igihombo abatuye muri iyi ntara bw'umwihariko abahinzi. Ibi bigira ingaruka mbi nyinshi haba ku bikorwaremezo, ku bahinzi, ku baturage ndetse no ku rusobe rw'ibinyabuzima, tutibagiwe no kugabanuka ku ibiribwa.

Leta y'u Rwanda ibinyujije mu kigo cyayo gishinzwe amashyamba ku bufatanye n'Umuryango Mpuzamahanga wita ku Kubungabunga Ibidukikije IUCN, n'abandi bafatanyabikorwa barimo Enabel, CIFOR-ICRAF, Cordaid, na World Vision bari gushyira mu ngiro umushinga ugamije kubakira abaturage ubudahangarwa ku mihindagurukire y'ibihe mu Ntara y' i Burasirazuba- TREPA.

Uyu mushinga ugamije kandi kubakira abaturage kuzana impinduka mu micungire y'ubutaka mu Ntara y' i Burasirazuba, aho ubutaka bwangiritse, butagishoboye gutunga abaturage bitewe n'ingaruka z'ihindagurika ry'ibihe, buri kubungwabungwa bityo bugasubirana urusobe rw'ibinyabuzima, ubutaka bugasubirana ubushobozi bwo gutunga abaturage cyane cyane ab'amikoro make bakabona ibiribwa, n'amazi bihagije.





IKIGAMIJWE	IBIKORWA BY'UMUSHINGA
<p>Gusubiza ubutaka umwimerere wabwo kugira ngo bubashe gutanga umusaruro mu buryo butangiza ibidukikije mu Ntara y'Iburasirazuba</p>	Kongerera ubwinshi bw'ubwoko bw'ibiti bivangwa n'imyaka
	Kuvugurura no kunoza imicungire y'amashyamba kugirango arusheho gutanga umusaruro no kubungabunga ibidukikije
	Kongerera ubwinshi bw'ibiti biterwa mu nzuri hagamijwe kuvugurura izangiritse
	Kongerera no kunoza ingamba zo gucunga ubutaka no kuburinda kwangirika no gutwarwa n'isuri
	Gufasha inzego z'abikorera n'abaturage guteza imbere ikoreshwa ry'ibicanwa bitangiza ibidukikije cyane cyane hagabanywa ikoreshwa ry'inkwi
<p>Gutunganya no kongerera agaciro ibikomoka ku buhinzi n' umusaruro mu buryo butangiza ibidukikije</p>	Gufasha amashyirahamwe n'amatsinda y'abahinzi gukora ubuhinzi buhangana n'imihindagurikire y'ibihe no kubafasha kubona igishoro no kugeza umusaruro ku masoko biboroheye
	Gufasha gutunganya umusaruro mu buryo butangiza ibidukikije
	Gufasha abaturage gukorana n'ibigo by'imari hagamijwe kubona igishoro cyifashishwa mu bikorwa by'ubuhinzi n'ubucuruzi bw'ibikomoka ku biti, hatangijwe ibidukikije
<p>Gufasha no kongerera ubushobozi inzego z'ubuyobozi mu kubungabunga ibidukikije no guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe.</p>	Kwimakaza ihame ry'uburinganire mu gutegura no gushyira mu bikorwa gahunda zo kurengera ibidukikije
	Kunoza uburyo bwo kungurana ubumenyi no guhanahana amakuru yifashishwa mu kungurana ibitekerezo no gushyiraho ingamba zigamije kubungabunga ibidukikije
	Kunoza uburyo bwo kubona no gukwirakwiza ubwoko butandukanye bw'ingemwe z'ibiti zibasha guhangana n'imihindagurikire y'ibihe
	Gukusanya amakuru no gusangira ubunararibonye bityo aho ibikorwa byagenze neza bigasangizwa n'abandi.

Muri rusange, uyu mushinga ugamije kubakira abaturage ubudahangarwa ku mihindagurikire y'ibihe mu Ntara y' Iburasirazuba-TREPA uzabungabunga ubutaka bwangiritse buri kuri hegitari ibihumbi mirongo itandatu (60,000 ha) binyuze mu bikorwa byo gutera amashyamba mashya, gusazura amashyamba ashaje, gutera ibiti bivangwa n'imyaka, kurwanya isuri n'imyuzure, ndetse no kubungabunga inzuri hongerwamo ibiti bya gakondo. Uyu mushinga uzubakira ubudahangarwa abaturage bagera ku bihumbi mirongo irindwi na bitanu (75,000).

Byongeye kandi uyu mushinga uzafasha ingo zisaga ibihumbi ijana na makumyabiri (120,000) muri gahunda zo kurwanya imirire mibi ndetse na gahunda y'indyo yuzuye. Ingo zisaga ibihumbi ijana (100,000) zizahabwa amashyiga ya kijyambere hagamijwe kugabanwa ingano y'ibiti bicanwa, ni mu gihe abaturage barenga ibihumbi magana ibiri na mirongo itandatu bazahabwa imirimo muri uyu mushinga ndetse bakigishwa gukorana n'ibigo by'imari.



Umushinga ugamiye kandi gusubiranya ubutaka bwamaze kwangirika haterwa ibiti bivangwa n'imyaka, haterwa kandi amashyamba mashya, habungwabungwa ayangiritse, haterwa ibiti by'imbuto ndetse hanaterwa ibiti ku nkengero z'imihanda n'imigezi. Ibi byose bikorwa n'abaturage bo banyirimirima n'ubutaka binyuze mu cyiswe "Community Approach".

Muri Community Approach, abaturage baja mu matsinda, bakagaragaza urutonde rw'ibibazo bibangamiye imidugudu yabo, ndetse bagafata iyambere mu gushaka ibisubizo by'ibibazo bagaragaje. Aha niho inzobere z'umushinga zizira zigamiye kongerera ubumenyi abaturage, ariko abaturage akaba ari bo bashyira mu ngiro ibikorwa byose. Mu nshamake, amafaranga y'umushinga ava ku muterankunga agahita ajya ku baturage binyuze muri za SACCOs nta Rwiyezamirimo ujemo hagati. Bivuze ko abaturage ubwabo baba bahindutse ba rwiyezamirimo mu mirima yabo.

Leta y'u Rwanda ibinyujije mu Kigo cy'Igihugu gishinzwe amashyamba ifite intego yo gusubiranya ibice byangiritse bidafite amashyamba no kuyongera aho yagabanutse, gusarura ayeze no gutera andi mashyamba aho atigeze hagamiye kuyongera.

Ubwoko bw'iti umushinga wa TREPA uri gutera

Ibiti bivangwa n'imyaka

- Caliyandra
- Gereveliya
- Imisave
- Umuhumuro
- Sederera
- Gasiya
- Iminyeganyege

Ibiti biterwa mu mashyamba

- Caritilisi
- Iminyinya
- Alinus
- Pinus
- Inturusu

Ibiti biterwa ku mihanda

- Cortoni
- Imishishi
- Gasiya
- Umuvumu



Ibiti by'imbuto

- Avoka

Ibiti biterwa mu nzuri

- Maeosophisis emini
- Malkamia
- Glicidia
- Calliandra
- Acacia soberiana
- Acacia poliacanta
- Grevelia
- Terminalia
- Entada

UBURYO BWIZA BWO GUTERA IBITI

Ikigo cy'igihugu gishinzwe gucunga no guteza imbere amashyamba gifite gahunda ihamye yo gukwirakwiza ibiti n'amashyamba mu gihugu hose.

Mu bihe byo gutera ibiti n'amashyamba, Abanyarwanda b'ingeri zose basabwa kwitabira icyo gikorwa. Ishusho igaragaza uko biba bimeze mu gihe cyo gutera ibiti

XXXXXXXXXXXXXXXXXX
XXXXXXXXXXXXXXXXXX
XXXXXXXXXXXXXXXXXX

Mu Rwanda hose ibiti biterwa mu gihe cy'umuhindo, ni ukuvuga kuva mu kwezi k'Ukwakira kugeza mu kwezi k'Ukubozza.

Ingemwe zigeze igihe cyo guterwa ziba zifite uburebure bwo hagati ya cm 10 na cm 15.

Ishusho igaragaza urugemwe rugeze igihe cyo guterwa

Xxxxxxxx
Xxxxxxxx

Ingemwe ziterwa mu mwobo wa cm 40 x cm 40 mu butaka bukomeye, cyangwa mu mwobo wa cm 30 x cm 30 mu butaka bw'intabire.

Ishusho igaragaza umwobo uterwamo ibiti



XXXXXXXXXX
XXXXXXXXXX
XXXXXXXXXX

Mbere yo gutera ingemwe, ni ngombwa kubanza gukuraho ishashi kuko igiti giteranye ishashi kidakura. Koresha akuma gatyaye kandi wirinde gushwanyuza ikinonko gifashe ku mizi.

Ishusho igaragaza uburyo bwo gukura ishashi ku rugemwe

XXXXXXXXXX
XXXXXXXXXX
XXXXXXXXXX
XXXXXXXXXX

Amashashi akuwe ku ngemwe zimaze guterwa ntagomba kunyanyagizwa mu murima, ashyirwa hamwe akaba yazashyikirizwa inganda zikongera kuyatunganya.

Gutera urugemwe hagati mu mwobo kandi wirinda kurutaba, garukiriza igitaka aho icyo muri pepinyeri kigarukira, urenzeho cm I gusa kandi utsindagire gahoro igitaka impande y'urugemwe.

Ku mihanda inyura mu mirima y'abaturage haterwa ibiti bitonona imyaka, intera hagati y'igiti n'ikindi ni m 2,5 cyangwa m 3. Ibiti bya Cedrela serrulata, umufu, umuyove, umushwati, acrocarpus fraxinifolius bikunda ubutaka burebure kandi bufite imvura ihagije.

Ishusho igaragaza ibiti bitewe ku mihanda

XXXXXXXXXXXXXX
XXXXXXXXXXXXXX
XXXXXXXXXXXXXX

Hari ibiti byihanganira izuba nk'imisave, umuhumuro, grevillea, cassia siamea, cassia spectabilis, lesena.....

Ku mihanda ifite inkengero zigizwe n'ubutaka bubi butaberanye n'ubuhinzi, haterwa Jacaranda turipied du Gabon (spathadea campanulata), inturusu, Cypres, Callitris, Filao, Cassia spectabilis Pinus, Acacia melanoxylon. Intera hagati y'igiti n'ikindi ni m 2.5 kugeza kuri m 3.

Ku misozi ihanamye haterwa ibiti bikurikira: Inturusu, Cypres, Pinus, Callitris, Filao, Acacia meranoxylon Acacia mearnsii..... Ibiti biterwa imbusane mu ntera ya m 2.5 x m 2.5.



Ku miringoti haterwa ibiti bitonona imyaka, n’iby’imbuto ziribwa, intera ijya hagati y’ibiti bibiri ni m 7. Hagati y’ibiti binini haterwa uduti duto ndumburabutaka nka Calliandra, Lesena, Imiruku, Iminyegeyege cyangwa ibiti byera imbuto ziribwa nk’amacunga, ibinyomoro, amapapaye n’ibindi.

Ishusho igaragaza ibiti bitewe ku miringoti

XXXXXXXXXXXXXXXXXXXXXXXXX
XXXXXXXXXXXXXXXXXXXXXXXXX
XXXXXXXXXXXXXXXXXXXXXXXXX

Ibiti bitonona imyaka bigomba no guterwa hagati mu mirima ihingwa, intera hagati y’igiti n’ikindi ni m 25 cyangwa m 30.

Mu nzuri haterwa ibiti binini mu ntera iri hagati ya m 25 na m 30, cyangwa ku ntera nto ya m 1 ku buryo bwa padock (Imisave, Umuhumuro, Grevilleas, Cassia siamea, Cassia spectabilis, Maesopsis Eminii, Imiyenzi, Iminyinya, Imifatangwe hashobora no guterwa ibiti bito bigaburirwa amatungo nka Lesena, Calliandra).

Ishusho igaragaza ibiti bitewe mu nzuri

XXXXXXXXXX
XXXXXXXXXXXX
XXXXXXXXXXXX

Abaturage b’ingeri zose bagomba kugira uruhare runini mu kurinda ibiti n’amashyamba; by’umwihariko abayobozi b’inzege z’ibanze basabwa gukurikirana ubutitsa uko ibiti byatewe ndetse n’amashyamba asanzwe bitangizwa n’amatungo cyangwa abagizi ba nabi.

GUFATA NEZA AMASHYAMBA

Hari uburyo bugera kuri butanu bwo gukorera no gufata neza ibiti n’amashyamba.

I. Gutemera

Bisobanura kugabanya ibyatsi ku mpande z’ibiti iyo bimaze kuva ku mezi atatu kugeza kuri atandatu bitewe. Gutemera bituma ibyatsi bitabangamira imikurire myiza y’ibiti, inyamaswa zitonona ibiti kandi bikagabanya impanuka z’inkongi z’imiriro.

Ishusho igaragaza uburyo batemera





XXXXXXXXXX
XXXXXXXXXX
XXXXXXXXXX

2. Kumenera

Kumenera bikorwa kugirango amazi yinjire ku buryo bworoshye mu butaka. Mu turere dushyuha cyane, kumenera birwanya umuswa. Kumenera bikorwa mu gihe cy'izuba riringaniye kandi bigakorwa ibiti bimaze imyaka 2 cyangwa 3 bitewe.

3. Gukonorera

Bikorwa mu rwego rwo kugabanya amashami y'ibiti n'ibyatsi byurira ibiti bigatuma ibiti bikura neza mu mubyimba no mu burebure kandi bigatuma ibiti bitagira amashyamba manini. Bakata amashami bagasiga ayo hejuru kugeza kuri 2/3 by'uburebure bw'igiti.

Igaragaza uburyo bakonorera.

XXXXXXXXXXXX
XXXXXXXXXXXX
XXXXXXXXXXXX

4. Kurobanya

Bisobanura kugabanya umubare w'ibiti mu ishyamba kugirango ibisigaye bikure neza mu burebure no mu mubyimba. Biba byiza iyo irobanya rikozwe mu gihe cy'izuba, mu irobanya nyir'ishyamba agomba gusigaza ibiti byiza, bigororotse kandi bidafite amashami manini.

Ishusho igaragaza uburyo barobanya

XXXXXXXXXXXX
XXXXXXXXXXXX
XXXXXXXXXXXX

5. Gukorera ishyamba rizashibuka

Ubusanzwe ishyamba rishibuka ritemwa rimaze hagati yimyaka irindwi n'icumi. Ibiti bitemwe bitarakura cyangwa bishaje cyane, bishibuka nabi cyangwa hakaba igihe bidashibutse.



Ishusho igaragaza uko bagabanya ibishibuka

XXXXXXXXXXXXX
XXXXXXXXXXXXX
XXXXXXXXXXXXX

Akamaro k'ibiti bivangwa n'imyaka

Ibiti bivangwa n'imyaka biterwa mu butaka bwagenewe ubuhinzi n'ubworozi. Ibiti bivangwa n'imyaka byongera imyunyungugu mu butaka, bifata ubutaka, birwanya isuri, bigaburirwa amatungo agakura neza, bitanga ibicanwa, bitanga ifumbire, amafaranga ndetse binakurura imvura, bitanga imihembezo, bitanga igicucu cyo kugamamo izuba. Muri rusange ibi bita bitanga umwuka mwiza duhumeka ndetse binakurura imvura.

Akamaro k'amashyamba n'ibiti muri rusange

Amashyamba abumbatira urusobe rw'ibinyabuzima ndetse n'ibimera muri rusange. Amashyamba afite umumaro mu guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe no guhangana n'amapfa nko mu gihe cy'izuba cyangwa imvura nyishi.

Ibiti muri rusange biyungurua umwuka duhumeka, bikurura imvura, bitanga imbaho dukoresha, bitanga ibicanwa, birwanya isuri, indabo zabyo zongera umusaruro w'ubuki.

Inshingano z'abaturage

Kubungabunga no kurinda amashyamba ni inshingano ya buri muturarwanda wese. Abaturage bafite inshingano zo kubungabunga no kurinda ibiti n'amashyamba no gutanga ku nzego z'ubuyobozi bubegereye amakuru arebana n'ibikorwa bibujijwe byahungabanya imicungire myiza y'ibiti n'amashyamba.

Abaturage barasabwa kandi gutera ibiti bakabyitaho ubwabo, bakabibungabunga, bakabivomerera igihe ari ngombwa, bakabibagarira, bakabirinda ibyonnyi nk'amatungo abyangiza kugirango bikure neza. Ibiti ni umusingi w'imibereho myiza mu muryango n'iterambere rirambye ry'igihugu.

Ibiti bizaterwa ni ibyande?

Ibiti bizaterwa mu mirima y'abaturage ni ibyabo kandi ni bo bizagirira akamaro muri rusange.